# IMENYESHA:

**ITEGEKO RIGENGA IMINSI Y'IKIRUHUKO CY'UBURWAYI YISHYURWA: ITEGEKO RY'UMUGI WA PITTSBURGH UMUTWE WA 626**

Hashingiwe ku Itegeko rigenga iminsi y'ikiruhuko cy'uburwayi yishyurwa ry'Umugi wa Pittsburgh ("Itegeko"), abakoresha bagomba guha abakozi babyemerewe igihe k'ikiruhuko cy'uburwayi kishyurwa kugira ngo bakurikirane uburwayi, ibikomere byo ku mubiri, cyangwa ikibazo cy'ubuzima bwabo cyangwa bw'ugize umuryango wabo igihe afite indwara yandura. (Reba mu Itegeko ry'Umugi wa Pittsburgh, §626.04 kugira ngo ubone urutonde rwuzuye rw'aho rikoreshwa mu buryo bwemewe; wareba kandi Itegeko n'Amabwiriza ngenderwaho byatanzwe mu kubahiriza Itegeko mu gusobanura amagambo akurikizwa.)

| INSHAMAKE Y'UBURENGANZIRA BWO KWISHYURWA IGIHE K'IKIRUHUKO CY'UBURWAYI | | |
|---|---|---|
| UMUBARE W'ABAKOZI B'UMUKORESHA (Mu mezi cumi n'abiri (12) ashize) | Abakozi batageze kuri cumi na batanu (15) | Abakozi cumi na batanu (15) cyangwa barenze |

| | | |
|---|---|---|
| AMAFARANGA YIYONGERA KU MUSHAHARA MU GIHE K'IKIRUHUKO CY'UBURWAYI HAKURIKIJWE ITEGEKO | Isaha 1 y'igihe k'ikiruhuko cy'uburwayi kishyurwa buri masaha 35 yakorewe mu mbibi z'Umugi wa Pittsburgh.<br><br>**IKITONDERWA: Umwaka wa mbere nyuma y'itariki ikurikira bizatangira gukurikizwaho, Igihe k'ikiruhuko cy'uburwayi kitishyurwa ni cyo kigomba kongerwa ku mushahara gusa.** | Isaha 1 y'igihe k'ikiruhuko cy'uburwayi kishyurwa buri masaha 35 yakorewe mu mbibi z'Umugi wa Pittsburgh |
| AMAFARANGA YIYONGERAHO URUGERO NTARENGWA HAKURIKIJWE ITEGEKO (Ikitonderwa: Umukoresha wawe ashobora kuba afite politiki igenga ikiruhuko itanga amafaranga menshi kurushaho.) | Nta masaha arenze 24 y'ikiruhuko cy'uburwayi kishyurwa mu mwaka keretse Umukoresha atanze amafaranga arenze.<br><br>**IKITONDERWA: Umwaka wa mbere nyuma y'itariki ivugwa ahakurikira bizatangira gukurikizwaho, Igihe k'ikiruhuko cy'uburwayi kitishyurwa ni cyo kigomba kongerwa ku mushahara gusa.** | Nta masaha arenze amasaha mirongo ine (40) y'ikiruhuko cy'uburwayi kishyurwa mu mwaka keretse Umukoresha atanze amafaranga arenze. |
| ITARIKI BIZATANGIRIRA GUKURIKIZWAHO | Ku wa 15 Werurwe 2020 | Ku wa 15 Werurwe 2020 |

Kwihoherera ku bakozi basabye cyangwa bakoresheje ingingo y’amafaranga yiyongera ku mushahara mu gihe k'ikiruhuko cy'uburwayi kishyurwa birabujijwe. Niba wumva ko uburenganzira bwawe butarubahirijwe kuko wangiwe uburenganzira bwo kongezwa amafaranga ku mushahara cyangwa gufata igihe k'ikiruhuko cy'uburwayi, ufite uburenganzira bwo gushyikiriza ikirego Urwego rw'Umuyobozi w'umugi rushinzwe kurwanya akarengane. Ku yandi makuru cyangwa wifuza gutanga ikirego wasura https://paidsickleave.pittsburghpa.gov.

Itariki byatangarijweho bwa mbere: ku wa 16 Ukuboza 2019

Itariki amavugurura yatangarijweho: ku wa 17 Ukuboza 2019